REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
IKIGO CY'URUBYIRUKO KABARE
KOMINI TARE
KIGALI.

Kabare,ku wa 14/11/1984

→ S-DGS pour classt cfs dossier de Kabare

Nyakubahwa Bwana Ministri w'urubyiruko
no gutsura za Koperative
KIGALI.

Impamvu: Inyandiko-mvugo y'Inama yo ku wa 14/11/1984 yo kureba aho itegurwa ry'umwaka w'urubyiruko ligeze muli C.F.J.KABARE.

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkuko umwaka w'1985 ali umwaka w'urubyiruko kw'isi yose,bikaba byaratangajwe n'inama y'umuryango wabibumbye mu nteko yayo ya 34,mboneyeho kubagezaho inyandiko-mvugo y'inama y'ikigo yateranye ku wa 14/11/1984 igamije kureberahamwe aho itegurwa ry'uwo mwaka ligeze mu kigo cy'urubyiruko cy'i Kabare.

Nkaba mboneyeho kubasaba gushyigikira ibyifuzo byafatiwe muli iyo nama bigamije gushakira urubyiruko dushinzwe icyaruteza imbere,haba mu mwaka warwo cg muyindi izakulikiraho.

Murakoze.

Umuyobozi w'i Kigo cy'urubyiruko
cy'i Kabare
KABERA Eliphas.-

REPUBLIQUE RWANDAISE MIJEUCOOP C.F.J. KABARE TARE

Bimenyeshejwe:
-Militant Umuyobozi mukuru muli Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative
KIGALI.
-Militant S/Prefe wa S/Prefegitura
RUSHASHI
KIGALI.
-Militant Bourgmestre wa KOmini
TARE
KIGALI.

## Itegurwa ry'umwaka w'urubyiruko muli C.F.J.KABARE. "1985"

Inama y'i Kigo yateranye ku wa 14/11/1984 iyobowe n'umuyobozi w'i Kigo militant KABERA Eliphas yali iteraniwemo n'abakozi b'i Kigo.

Kumurongo w'ibyigwa hali ingingo 3.

Ingingo ya 1.Kureberahamwe aho itegurwa ry'umwaka w'urubyiruko wi 1985 ligeze muli C.F.J.Kabare.

Ingingo ya 2.Kwigirahamwe uko haboneka isoko ligulishilizwamo ibintu urubyiruko rukora mu mahugurwa,kugirango i Kigo cyihaze ku mutungo, ( Autofinancement).

Ingingo ya 3.Kwiga ukuntu urubyiruko rurangije ihugurwa rwaterwa inkunga mu gushinga amashyirahamwe ( G.S.E) nkuko politiki ya Ministeri y'Urubyiruko no gutsura za Koperative ibisaba buli Kigo.

Umuyobozi w'i Kigo amaze kugeza kubali mu nama ingingo zibigomba kwigirwa muli iyo nama yakomeje asobanulira abali munama amabwiliza shingiro mugutegura umwaka w'urubyiruko wi 1985 nkuko yateguwe na Ministeri y'urubyiruk no gutsura za Koperative nayo ishingiye kuntego z'umuryango wabibumbye wahaye uwo mwaka w'urubyiruko kw'isi yose alizo:

-Gufatanya (participation)

-Amajyambere(développement)

-Amahoro (paix).Icyo cyemezo kikaba cyarafatiwe mu nama rusange y'umuryango wa bibumbye mu nteko yayo ya 34.

Umuyobozi w'i Kigo yakomeje asobanulira abali mu nama uko politiki ya Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative mu byerekeye

-uko ibigo by'urubyiruko byakora ngo byihaze.

-uko amashyirahamwe y'urubyiruko yajya avuka akomotse k'urubyiruko rurangiza amahugurwa mu bigo (C.F.J.),bityo i Kigo kigafasha urubyiruko gushinga ayo mashyirahamwe(G.S.E).

Ibyo bikaba bikubiye muli raporo y'ihugurwa ry'abayobozi b'ibigo by'urubyiruko ryabereye i Kavumu-Nyabisindu guhera ku wa 31/07/1984 kugeza ku wa 20/08/1984,bikaba byashyirwa mu bikorwa.

Yakomeje asobanura aho gutegura umwaka w'urubyiruko bigeze muli C.F.J.Kabare ali nabyo byali,ku murongo w'ibyigwa ku ngingo ya mbere.

Ingingo ya mbere.

Umuyobozi w'i Kigo yasobanuye ibyateganijwe mu kuzizihiza uwo mwaka,hakulikijwe amarushanwa yateganijwe na Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative alizo:-Ubuhinzi-bworozi

-Ubukolikoli (kubaza-kubaka-kudoda)

-Imikino

-Umuco.

A.Ubuhinzi:kubyerekeye ubuhinzi abali mu nama basobanuliwe imigambi yafashwe mbere mugushaka uburyo urubyiruko rurangije amahugurwa,rwakorerwa amashyirahamwe yo guhinga igihingwa ngenga bukungu cyera muli ako karere ka Tare na Mbogo cya Kinini(Quinquina),nkuko umuyobozi w'i Kigo yali yagiranye i Kiganiro n'abatanga i kiganicy'urubyiruko kuli Radio-Rwanda yaranabibamenyeshe je mu i baruwa yo ku wa 29/11/1983 yavugaga aho gutegura

.../...

umwaka w'urubyiruko wi 1985 ugeze muli C.F.J.Kabare,yasobanuliye abali mu nama ingorane icyo gihingwa gifite za tuma amashyirahamwe ata gihinga kuko wasanga ntacyo kibagejejeho vuba,izo ngorane zikaba -kubura isoko

-gutanga umusaruro nyuma yimyaka ilindwi.

Inama yasanze byaba ngombwa ko amashyirahamwe y'ubuhinzi yajya atangilira kubihingwa bimwe nabimwe bishobora kubonerwa isoko hanyuma yamara gukomera agahinga nicyo gihingwa ngenga bukungu cya quinquina kandi ayo mashyirahamwe agaterwa inkunga n'inzego z'ubutegetsi.

Kubera rero aliya marushanwa y'ubuhinzi ateganijwe mu mwaka w'urubyiruko,umuyobozi w'i Kigo yasobanuliye abali mu nama ko hateganijwe uburyo bwo guhinga neza umulima w'ishuli ntanga-rugero ( champ modèle) uwo mulima ukabamo ingaka ngandurarugo iteye kuburyo bwa kijyambere nkuko ushinzwe,ubuhinzi yabyeretswe bityo abantu bose batuye hafi y'i Kigo bakahakura urugero rwiza rwo guhinga kijyambere,uwo mulima kandi akaba aliwo uzashyirwa mu irushanwa ry'ubuhinzi.

Aha rero inama yasanze mu musaruro wose w'i Kigo haba mu buhinzi ubukolikoli hajya hateganywa igihembo cy'urubyiruko hakulikijwe umusaruro wabonetse bityo icyo buli mwana yagenewe cyigashyirwa mu isanduku y'i Kigo igamije guteza imbere urubyiruko mu gushinga amashyirahamwe.

Umuyobozi w'i Kigo yasobanuye ko uwo mushinga wali watangiwe nkuko yabivuze mu nyandiko yo ku wa 29/11/1983 yandikiye abashinzwe i kiganiro cy'urubyiruko muli Ministeri y'urubyiruko no gutsuraza Koperative,avuga ko umwana igihe akoze icyintu haba mu bubaji,ubwubatsi,ubudozi inama y'i kigo yajyenera uwo mwana amafranga nibura makumyabili ku ijana (25%) yashyirwa mu isanduku y'i kigo,igihe cyo kurangiza ihugurwa akaba yahabwa udukoresho twifatizo twatuma afatanya na bagenzi be gushinga ishyirahamwe.

B.<u>Ubukolikoli</u>: a)<u>ububaji</u>:umuyobozi w'i kigo yasobanuye ko i kigo gishobora kujya mu irushanwa asaba ko abashinzwe ububaji bakora uko bashoboye bagakora ibintu bishimishije bishobora kujya mu irushanwa koko,ibyo kandi bikanyana no gutoza urubyiruko gukorera hamwe,gusa aho inama yasanze kubyerekeye kubaza hali ingorane zo kubura ibikoresho byangombwa nki:

-imbaho

-Triplex n'ibindi.

b)<u>kubaka</u>: Inama yasanze umwuga wo kubaka ko kujya mu irushanwa bitoroshye nibwo yafashe imigambi ikulikije ko i kigo gifite igishanga cyavamo ibumba ryo kubumbamo amatafali yatwikwa nkuko uwo mushinga watangiwe ubu ukaba umaze guha i kigo amatafali ahiye kandi meza ageze kuli ibihumbi makumyabili na bitanu(25.000 briques) bikaba byaratumye i kigo kitagitanga amafranga meshi ku kugura amatafali yo gutorezaho urubyiruko ibyo kubaka.

.../...

Inama yasanze ko urubyiruko rwashoka icyo gishanga maze rukabumba amatafali menshi bityo mu mwaka w'urubyiruko hakerekanwa amatanura menshi,ibyo bikaba byatuma agulishwa akavamo inkunga yibikoresho byibanze byo gushinga amashyirahamwe kimwe n'uko urubyiruko rwahavana uburyo bwogufatanya muli uwo mushinga wo kubumba amatafali.

Umuyobozi w'i kigo kandi akaba yarasobanuye ko uwo mushinga ya mumenyesheje Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative mu i baruwa yo ku wa 20/06/1984 igihe yasabaga inkunga z'ingorofane zo gufasha urubyiruko gutunda amatafali ziya shyira kwi tanura no kuyazana ku kigo,ukaba waramumenyeshejwe ubutegetsi bwa Komini Tare mu i baruwa yo ku wa 27/07/1984 yasabaga inkunga y'inkwi zo gucanira amatafali.

C.Kudoda: Inama yasanze mu budozi naho haratangiye gutegurwa byinshi byo kuzajyanwa mu irushanwa ry'umwaka w'urubyiruko,yasabye ko hakomeza kongerwa byinshi kandi byiza,ibyo bikaba byaragarajwe n'imulikwa ryabaye ku wa 26/09/1984 igihe urubyiruko rwarangizaga ihugurwa ry'icyiciro cya 5 muli C.F.J.Kabare.

Inama yasanze hali ingorane zikunda kuboneka zo kubura isoko ryo kugulishilizamo ibyo urubyiruko rukora,yafashe umwanzuro wihutirwa igihe hagitegerejwe uko inzego zohejuru zibigenza mu kubona isoko ryibyo bintu nkuko,umuyobozi w'i kigo yabigejeje ku li Ministeri mu i baruwa ye yo ku wa 02/10/1984 yatangaga raporo yimihango yo gusoza ihugurwa ry'urubyiko rwali rurangije icyiciro cya gatanu ku wa 26/09/1984 iyo myanzuro ikaba ikubiye ku ngingo ya 2 yo kurebera hamwe uko haboneka isoko ryo kugulisha ibyo urubyiruko rwakoze.

C.Imikino: Inama yasanze ku rwego rwamarushanwa y'imikino i kigo kigomba gutegura neza imikino cyane cyane imikino ngororangingo bityo urubyiruko rwo mu kigo cy'i Kabare rukazegukana umwanya mwiza,aho abashinzwe imikino bavuze ko bigenda mu kuyitegura.

D.Umuco: Inama imaze kubona ko urubyiruko alingombwa gutozwa umuco yasanze ali ngombwa kuzakora amarushanwa ku muco,ibyo bikazajya na no guhimba animation ijyanye n'umuco wacu,guhimba imivugo ikubiyemo umuco wacu,abarezi b'urubyiruko bemeje ko kuruhare rw'umuco hazahimbwa umuvugo.

<u>Ingingo ya 2</u>.

Ingingo ya kabili yali igamije kwiga Uko haboneka isoko ligulishilizwamo ibyo urubyiruko rugulirwaho bito bigatuma i kigo cyihaza

Umuyobozi w'i kigo yasobanuye zimwe mu ngorane zikunda kuboneka ziterwa no kubura isoko ryo kugulishilizwamo ibyo bintu alizo izi:

-kutagera ku mutungo uhagije w'i kigo

-kutibonera ibikoresho byibanze

no kutabona amafranga yo gusana ibikoresho by'i kigo.

Inama imaze kubona ko icyo kibazo cyihutirwa bitewe n'ibintu byuzuye mu kigo bitabona umuguzi yasanze aba militante na aba militant benshi bagura ibintu byo gukoresha mu rugo kimwe n'imyambaro mu masoko abegereye kandi aho ali naho hahulirwa n'abantu benshi,kandiisanze ko i kigo cyakoze uko gishoboye mukumenye

.../...

menyesha ba militante na ba militant ibikorerwa mu kigo

urugero: nki baruwa yo ku wa 27/07/1984 yandikiwe inama ya Komini isobanura neza imikikorere y'i kigo cy'urubyiruko cy'i Kabare inamenyesha aba militant bagize inama ya Komini ko hateganijwe imulikwa mu kigo ku wa 26/09/1984 (Exposition-vente)

itangazo ryahise kuli Radio-Rwanda ku wa 05/10/1984 limenyesha aba militante na ba militant ko mu kigo cy'urubyiruko hali ibintu byakozwe n'urubyiruko bikoreshwa mu rugo.

Inama yasabye ko Komini yaha uburenganzira i kigo kijya kijyana ibyo bintu ku masoko ya komini nta musoro gitanze nkuko umuntu wese ujyanye ikintu acuruza agomba gutanga umusoro wa Komini,ibyo ubuyobozi bw'i kigo bukazandikira Komini busaba icyo cyemezo cyo kudashoresha ibintu urubyiruko rwakoze mu mahugurwa.

<u>Ingingo ya 3</u>.

Kwiga uko hajya hashingwa amashyirahamwe y'urubyiruko rurangije amahugurwa(G.S.E).

Umuyobozi w'i kigo yasobanuye uko Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative yifuza uko i kigo cyakora mu guhugura urubyiruko kugirango bijyane no kurushingira amashyirahamwe igihe barangije amahugurwa,aho kujya mu mijyi ngo bagiye kwaka akazi kandi bashobora kukibonera bo ubwabo, ibyo bigatangirwa igihe urubyiruko ruhugurwa rugacengezwamo gukorera hamwe no kwiyumvamo ko bwo urwabwo rugomba gukora kugirango rugere ku majyambere rwifuza kugeraho.

I kigo kigacengeza mu rubyiruko kuvumbura uburyo bwo kwibonera icyo rukora kahoreshejwe ingufu zarwo,aho gutegereza abarutera inkunga kandi narwo ntacyo rwabashije kugerageza gukora ngo nibura abagiraneza babone aho bahera barufasha,rukumvishwa ko narwo rufite uruhare mu majyambere y'igihugu.

Yasabye kandi abagize inama kwiga neza icyo i kigo cyakorera urubyiruko kuli uliya mwaka w'urubyiruko kw'isi yose,hagakorwa ikigamije kubera imbaga nyamwinshi y'urubyiruko urwibutso rw'uwo mwaka hakulikijwe za ntego z'umuryango wa bibumbye zavuzwe haruguru alizo:

- Gufatanya (participation)
- Amajyambere (développement)
- Amahoro (paix)

Inama yahereyeko yiga icyo cyifuzo ikulikije ingorane z'urubyiruko alizo izi:-kubura ibikoresho byibanze byo gushinga amashyirahamwe

-kubura isoko ryo kugulishilizamo umusaruro w'i kigo n'amashyirahamwe nkuko byakunze kwibandwaho mumilimo yi nama yuwo munsi.

<u>Inama yafashe imyanzuro ikulikira</u>:

-Hemejwe ko urubyiruko ruhugurwa bishobotse rwagira uruhare ku musaruro w'i kigo bityo rwarangiza rugafashwa gushinga amashyirahamwe

-Hemejwe ko Ministeri ishinzwe urubyiruko no gutsura za Koperative yajya ifasha i kigo mugushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko.

-Hemejwe kandi icyindi cyifuzo kigamije gushakira isoko ibintu bikorerwa mu kigo kandi bigatera inkunga i kigo mukubona umutungo uhagije wo gufasha urubyiruko gushinga amashyirahamwe icyo cyifuzo kikaba kandi

.../...

cyazabera urubyiruko urwibutso rwuwo mwaka wavuzwe haruguru warwo.

Inama imaze kubona ko haruguru y'i kigo ku muhanda mukuru Kigali-Ruhengeri hali aho imodoka zihagarara nka Bus na za Taxi(arrêté-bus na Taxi) yemeje ko hasabwa i Kibanza Komini maze i kigo kikahubaka inzu ya bagenzi nkuko ku muhanda Kigali-Butare na Kigali-Kibungo bimeze iyo nzu igafasha abagenzi kubona aho bugama imvura n'izuba igihe bateze imodoka,iyo kandi ikagira icyumba cyaho bacururuliza ibyo abagenzi bakenera nukuvuga fantapitabi n'ibindi

-ikagira kandi icyumba cyo kwerekaniramo ibyo ikigo gikora nkuko forge yi Nyabisindu yabigize ku muhanda Kigali-Butare .

-ikagira ikindi cyumba cyashyingura ibintu (Stock) byaza shoboka hakaba hakongerwaho Cantine y'abakozi bo mu kigo n'abo bagenzi bateze imodoka.

Nukuvuga ko iyo nzu yagira ibyumba bine ni Barza ryashyirwaho intebe za bagenzi,bityo iyo nzu ikagilira i kigo akamaro mugucuruza ibyo urubyiruko rwakoze mu mahugurwa kandi ikagilira akamaro abagenzi bahategera imodoka icyo kikaba kibaye igikorwa cyo kuzibukiraho umwaka w'urubyiruko, inama kandi yasanze byaba ngombwa kwandikaho aya magambo kugirango icyo gikorwa kizahore cyibukwa iteka ryose.

"1985 " UMWAKA W'URUBYIRUKO KW'ISI YOSE
GUFATANYA
AMAJYAMBERE
AMAHORO
C.F.J.KABARE-TARE.

Inama kandi yasanze kuli cya cyumba cyavuzwe cyo gucurulimo cyakodeshwa n'ubishatse agaculul izamo ibyavuzwe haruguru abagenzi bakenera,amafranga abonetse akabikwa mu isanduku y'i kigo hamwe n'undi mutungo w'i kigo akazatuma i kigo cyiyifashisha mugushakira urubyiruko ibikoresho fatizo mugushinga amashyirahamwe nkuko byavuzwe haruguru bityo intego zavuzwe zo gufatanya dushaka amajyambere mu mahoro zikaba zigezweho.

Inama yasanze kandi ali ngombwa gushyiraho akanama-ngishwa na kubyerekeye imikorere y'i kigo no gutegura umwaka w'urubyiruko ibyo bikazatuma urubyiruko n'ababyeyi bumvishwa neza imikorere y'i kigo no kurushaho gufatanya gukemura ibibazo by'urubyiruko nko kurushingira amashyihamwe no kurwohereza mu kigo (sensibilisation et recrutement).

Inama yasanze ako kanama-ngishwa nama kaba kagizwe na:

- Bourgmestre wa Komini i kigo cyubatsemo akaba aliwe Prezida wako
- Umuyobozi w'i kigo cy'urubyiruko cy'i Kabare akaba Vice-Prezida
- Umujyanama wa Komini uyobora Segiteri i kigo cyubatsemo
- Umuyobozi w'urubyiruko muli Komini Tare
- Umuyobozi wa za Koperative muli Komini Tare
- Ababyeyi bahagaraliye abandi,bakaba alibo babitorera (babili)
- -Abarezi b'urubyiruko bo mu kigo bose.

Ako kanama gashobora kwitorera umwanditsi n'umubitsi mu bakagize kubwiganze bwamajwi,gashobora kandi guterana nibura limwe mu gihembwe ku nama zisanzwe, gashobora noguterana mu nama idasanzwe bisabwe n'ubuyobozi bw'i kigo bakabimenyesha Prezida wako nibura mbere y'iminsi cumi n'itanu kugirango,haboneke igihe cyo kubimenyesha abakagize

Inama yatanze ibyifuzo byayo kunzego z'ubutegetsi bwa Komini na Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative bigomba gushyigirwa kugirango gutegura umwaka w'urubyiruko bizarusheho kugenda neza kimwe n'imikorere isanzwe y'i kigo.

Kurwego rwa Ministeri.

-Gufasha i Kigo mukubona ibikoresho byokurwanya ubujiji kuko aliyo ntego ya mbere y'i kigo, aha nukuvuga mubyerekeye gusoma no kwandika alibyo: Ibitabo byo kwishilizamo gusoma no kwandika n'i mibare
Imbaho zokwandikaho (k'urubyiruko)
Ingwa zikoreshwa mu kwandika ku kibaho (crai s)
Amakaramu y'ibiti na makaye
Gukomeza kugulira urubyiruko akanyamakuru ka Hobe nkuko byali bisanzwe kugirango bakomeze kwitoza gusoma no kwandika.

-Gutera inkunga i kigo mugutegura neza umwaka w'urubyiruko cyane cyane kugiha ibikoresho bihagije byazatuma kijya mu marushanwa y'ubukolikoli:

Ububaji.

-Kubonera i kigo imbazo y'icyuma yitwa Bouvet= 1
- " " Imbaho za madriers= 150
- " " Triplex= 50

Ubwubatsi.

-Kubonera i kigo imifuka ya ciment= 50
- " " Amabati yo gusana inzu 150
- " " Isandu yuzuye ibirahuli= 1 (bya gushyira mu madilishya).

Kubyerekeye ubwubatsi inama yasanze i kigo cyavugururwa maze kigatahwa kumugaragaro mu mwaka w'urubyiruko wi 1985.

Ubudozi.

-Kubonera i kigo imashini za maguru nibura = 5
- " " Imyenda yo kudodamo utuntu twokuzajyana mu i rushanwa.

Imikino.

-Kubonera i kigo imipira yo gukina= 2 y'umupira w'intoki(Volley-ball
- " " " " = 2 " w'amaguru (Foot-b.)
- " " " " = 2 " w'intoki(Hand-ball)

Inkunga yo kurwego rwa Komini.

-Guha umuganda i kigo mu kuzuza ikibuga cy'umupira wa maguru byihutiwe kugirango mumwaka w'urubyiruko cyizabe cyuzuye neza gitahwe kumugaragaro. (aha tugasaba kuvugurura umuganda w'urubyiruko Komini yali yahaye i kigo kuko usanga utagikorwa neza).

-Gusaba ko Komini yajya ifasha i kigo mukumvisha ababyeyi intego z'ikigo cy'urubyiruko kugirango barusheho kukigana ali benshi.

Inama yarangije imilimo yayo yizeye ko ibyifuzo biyifatiwemo bizarushaho gutera inkunga urubyiruko haba ku mwaka warwo cyangwa igihe cyose, yasabye kandi ko inzego zose zarushaho kubyubahiliza kugirango bigire icyo byazamalira urubyiruko.

Umwanditsi w'inama
NSABIMANA Jean.
Umwalimu mu kigo cy'urubyiruko cy'i Kabare.

Umuyobozi w'inama
KABERA Eliphas.
Umuyobozi w'i kigo cy'urubyiruko

REPUBLIQUE RWANDAISE ... KABARE

Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif

- Correspondances

18.09.1984

1D
3P